


# Igikinisho cya mushiki wa Abeli

Tr. Ukunzwe Tito
Jesse Breytenbach

Kinyarwanda

African Storybook.org



Hari umuhungu witwaga Abeli. Yikoreye igitogotogo. Abeli ntiyarafite umufasha gutwara igitogotogo cye.

Nuko abwira mushiki we Meri "Nshaka umushoferi w'  igitogotogo cyanjye. Mpa igipupe cyawe. Gishobora kwicara mu igitogotogo."




Ariko meri aramusubiza ati: "Oya, nkeneye igipupe cyanjye." Mu gihe Meri yari amwinye igipupe, Abeli yararakaye. Akurura igipupe asunika mushiki we.

Meri akurura igipupe na Abeli akurura igipupe. Amaboko yacyo aracika.




Meri ararira asanga mama we. "Mama reba, aravuga Abeli akuruye amaboko y'igipupe cyanjye avaho. Yashakago kugitwara ku gitogotogo cye kandi najye nashakaha gukina nacyo."

Mama we aramusubiza ati: "Abeli ntiyitwaye neza"




Nuko mama agira
igitekerezo cy' uburyo
yakwigisha Abeli
kudakubaganya
ibikoresho bya mushiki we.

Ajya ku imwe mu inshuti
ze yari umuganga
aramubwira ati: "Ndashaka
k' umfasha." Umuganga
aramusubiza ati:
"Nagufasha gute nshuti
yanjye?"



Mama aramusubiza ati: "Umuhungu wanjye Abeli ari kwitwara nabi muri iyi minsi. Yashikuje amaboko y'igipupe cya mushiki we. Ntiyagomabanga kubikora.

Ejo nzamusaba  kukizana hano kugirango uyasubize ho."



"Nurangiza kugikora, uzamusabe akwishyure, ntamafaranga afite, rero uzamubwire koza iriya modoka yawe ihorana ivumbi"

Inshuti ye iraseka, iravuga iti: "Eee-ee, ibyo ni byiza."



Nyina wa Abeli asubira imuhira. Abaza Abeli ati: "Iyo wakomeretse cyangwa undwaye ujya he?" Abeli aramusubiza ati: "Iyo ndwaye cg nakomeretse, njya kwa muganga."

Nyina wa Abeli aramubwira ati: "Wakomerekeje cya gipupe, ugomba kukinjyana kwa muganga."



Nuko Abeli ajyana igipupe kwa muganga aramubwira ati: "iki gipupe cyakomeretse cyane.  Mama yambwiye kukikuzanira. Hari ubwo wakiza ukuboko kwacyo."

Muganga arabyemera akiza ukuboko kw' igipupe



Nuko muganga abwira Abeli "igipupe cyakize, ugomba kunyishyura. Ufite amafaranga angahe?"

Abeli aramusubiza ati: " nt'amafaranga mfite ntabwo nshobora kukwishyura."



Muganga aramusubiza ati "nt'amafaranga ufite? imodoka yanjye irasa nabi! genda uyoze neza ni uko uri bunyishyure."

Abeli afata indobo yuzuye amazi n' igifuka. Byamufashe akanya kanini  koza imodoka.



Nuko Abeli atahana igipupe agiha Meri. Arishima cyane abwira Abeli ati: "ur'umuvandimwe mwiza. Wakoze gukora igipupe cyanjye"

Abeli aramusubiza ati: "ndagusaba imbabazi zuko narakaye maze nkakubabaza."



Kuva uwo munsi, Abeli ntiyongeye gufata ibikoresho bya mushiki we, kandi agerageza kutongera kumubabaza.

Abeli yakomeje kwibuka umwanya byamufashe koza imodoka y'umuganga. Yiyemeza ko bidakwiye kongera kurakara no kwica ibikoresho.

Ufite uburenganzira bwo gukuramo, gukoporora, guhindura cyangwa guhuza iyi nkuru kandi ukoreshe amashusho mugihe cyose ubyitiriye muburyo bukurikira:

Igikinisho cya mushiki wa Abeli

**Umwamditsi** – Eyobi Kitaw
**Cyhinduwe** -- Ukunzwe Tito
**Icyitegererezo** – Jesse Breytenbach
**Ururimi** – Kinyarwanda
**Urwego** – Paragarafe ya mbere

© African Storybook Initiative 2017
Creative Commons: Attribution 4.0
Ibikorwa bihanga: Inshingano 4.0
Inkomoko www.africanstorybook.org

2023.04.21